REPUBLIC OF RWANDA

MINISTRY OF ENVIRONMENT

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°03/2018: **Taliki ya 1–31 Mutarama 2018**

Ryoherejwe kuwa 2 Gashyantare 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Mutarama 2018; cyagaragaje imvura nyinshi mu gihugu cyane cyane mu gihugu hagati ndetse n'Amajyepfo.
- **Amashusho y'icyogajuru akomeza kwerekana ubutaka bubobereye mu gihugu hose kubera imvura yabonetse mu kwezi kwa Mutarama_2017**
- **Ukwezi kwa Gashyantare 2018;** hateganyijwe imvura **izagabanuka** ariko ikaba nyinshi mu misozi miremire yo mu gihugu hagati, mu Majyaruguru ndetse n'Uburengerazuba. Imvura izaboneka mu bice byambere 2 kurusha uko izaboneka mu gice cya 3 ari nacyo cyanyuma

I. Iriburiro

Guhera mu majyaruguru yo hagati umanuka kugeza amajyepfo yose; habonetse imvura nyinshi muri Mutarama 2018 nyinshi kuruta ahandi; imvura kandi yabonetse ku gipimo cyo hejuru y'isanzwe iboneka muri uko kwezi kuri buri bupimiro.

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Mutarama_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Mutarama_2018	Mutarama
Kigali (Kanombe)	98.2	72.1
Rusizi (Kamembe)	212.5	143.8
Rubavu (Gisenyi)	76.8	81.2
Nyamagabe (Gikongoro)	242.5	130.5
Ngoma (Kibungo)	199.7	82.6
Gicumbi (Byumba)	190.1	62.2
Bugarama	106.7	134.7
Musanze (Ruhengeri)	81.0	67.9
Gitega	139.5	45.2
Rubengera	77.9	82.3
Byimana	196.4	109.7
Kawangire	71.5	71.6
Nyagatare	93.7	26.1

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Mutarama_2018; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Mutarama_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Mutarama



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Ukuboza_2017



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukuboza



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Mutarama_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu kwezi k'Ukuboza_2017; cyagaragaje imvura iri ku kigero cy'iyari isanzwe iboneka uretse amajyaruguru y'Uburasirazuba hagaragaye imvura nyinshi ndetse n'amajyepfo y'Uburengerazuba hagaragaye imvura nke ku yari isanzwe ihaboneka (reba **Ikarita3&4**). Naho muri Mutarama_2018; cyagaragaje imvura nyinshi mu gihugu cyane cyane mu gihugu hagati ndetse n'Amajyepfo guhera mu majyaruguru yo hagati umanuka kugeza amajyepfo yose; habonetse imvura nyinshi kuruta ahandi; imvura kandi yabonetse ku gipimo cyo hejuru y'isanzwe iboneka muri uko kwezi kuri buri bupimiro (reba **Ikarita1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mutarama 2018 igice cya mbere Ikarita6: Mutarama 2018 igice cya kabiri Ikarita7: Mutarama 2018 igice cya gatatu

Muri Mutarama_2018; amafoto y'icyogajuru akomeza kwerekana ubutaka bubobereye mu gihugu hose kubera imvura yabonetse mu kwezi kwa Mutarama_2017 (reba **Ikarita 5, 6&7**; zerekana ibice bitatu byaranze ukwezi kwa Mutarama_2018 uko byagiye bikurikirana)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Gashyantare 2018

Muri Gashyantare 2018; hateganyijwe imvura izagabanuka ariko ikaba nyinshi mu misozi miremire yo mu gihugu hagati, mu Majyaruguru ndetse n'Uburengerazuba. Imvura izaboneka mu bice byambere 2 kurusha uko izaboneka mu gice cya 3 ari nacyo cyanyuma

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)